Uharanira gucyemura ibibazo by'umupfakazi n'umukene, aba ameze nk'uharanira inzira ya Allah, cyangwa se uhora akora ibihagararo by'ijoro asali ndetse n'amanywa akaba asibye

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Uharanira gucyemura ibibazo by'umupfakazi n'umukene, aba ameze nk'uharanira inzira ya Allah, cyangwa se uhora akora ibihagararo by'ijoro asali ndetse n'amanywa akaba asibye."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iratubwira ko umuntu uharanira gucyemura ikibazo cy'umugore wapfushije umugabo, akaba adafite undi wakimucyemurira, cyangwa se umukene ubabaye, akabacyemurira ibibazo bafite yiringiye ingororano kwa Allah, mu bihembo aba ameze nk'uharanira inzira ya Allah cyangwa se usali ijoro ryose ubutaruhuka, cyangwa se usiba amanywa yose buri gihe.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3135